REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°26/2019: **Taliki: Ukwakira 2019**

Cyasohotse kuwa 02 Ugushyingo 2019

Ingingoz'ingenzi:

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari cyifashe mu kwezi kwa Ukwakira 2019, (ii)iteganyagihe ry'ukwezi k'Ugushyingo, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere m'ukwezi k' Ukwakira ndetse n'iziteganijwe m'ukwezi k'Ugushyingo 2019.

- Mu uku kwezi k'Ukwakira 2019; ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi usibye ku bupimiro bwa Rubavu hagaragaye imvura iri hasi y'isanzwe igwa mu kwezi k'Ukwakira mu myaka myinshi ishize.
- Mu kwezi k' Ugushyingo 2019; hateganyijwe imvura mu turere twose tugize igihugu cyacu, igipino cy'imvura izaboneka kikaba kiri hagati ya milimetero 50 na 200.
- Muri uku ukwezi k'Ukwakira2019 ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye ugereranyije n'uko bwari bwifashe mu kwezi kwa Nzeri, byatumye ibihingwa n'inzuri byongera kumera neza. Hateganyijwe kandi ko buzakomeza kwiyongera mu kwezi k'Ugushyingo, bikazatuma ubuhinzi n'ubworozi bizakomeza kugenda neza

Iriburiro

Ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi k'Ukwakira henshi mu gihugu tugira imvura ihagije.

I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu kwezi k'Ukwakira 2019 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi k'Ukwakira 2019 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 89.4.mm na 282.4, Imvura nyinshi yapimiwe ku bupimiro bwa Gicumbi, Busogo na Musanze mu Majyaruguru ingana na milimetero 282.4, 264.2 na 224.5.

Ku bupimiro bwo mu Majyepfo, Nyamagabe na Byimana imvura yapimwe yari hagati ya 228.8mm na 204.4mm.

ku bupimiro bwo mu Ntara y'Iburengerazuba, Rusizi, Bugarama na Rubavu imvura yapimwe yari hagati ya milimetero 209.8, 157.5 na 89.4mm.

ku bupimiro bwo mu Ntara y'Iburasirazuba, Kayonza(Kawangire) na Ngoma imvura yapimwe yari hagati ya milimetero 138.7mm na 175.7mm. naho Kigali ku bupimiro bwa Kanombe hapimwe 197.5mm na Gitega hapimwe 231.5mm.

Iyi mvura yatewe n'uko isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yahuriye mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)

Ubupimiro	Ukwakira 2019	Ukwakira
Kigali	197.5	97.4
Rusizi	209.8	162.2
Rubavu	89.4	135.3
Nyamagabe	228.8	141.3
Ngoma	175.7	96.5
Gicumbi	282.4	127.8
Busogo	264.2	166.6
Bugarama	157.5	119.2
Musanze	224.5	167.2
Gitega	231.5	112.1
Rubengera	194.9	133.1
Byimana	204.4	95
Kawangire	138.7	109.9
Nyagatare	154.4	117.5



Imbonerahamwe ya1

Ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu kwezi k'Ukwakira 2019 ndetse

n’imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.



Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm): Ukwakira 2019



Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa(mm):Ukwakira

II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y’ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya 28.9^{0}C na 20.2^{0}C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi no ku bupimiro bwa Busogo mu karere ka Musanze. Naho impuzandengo y’ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 10.7ku bupimiro bwa Busogo na 18.8^{0}C ku bupimiro bwa Bugarama. Igice cy’Amajyaruguru n’Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n’igice cy’Iburasirazuba , Amajyepfo n’Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

II. Ingarukaku Buhinzi

a) Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5 : Ukwakira-2019-igice cya Gatatu (21-31/10/2019)

Ikarita6: Ukwakira-2019-igice cya Kabiri (11-20/10/2019)

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka bubereye ibihingwa mu gice cya kabiri ndetse n'icya gatatu (guhera taliki ya 11 kugeza taliki ya nyuma y'ukwezi kwa Ukwakira_2019) kubera imvura nyinshi yabonetse, ubutaka bukaba bwarasomye ubuhehere bubereye ibihingwa byinshi ndetse bikaba binateganyijwe ko ubutaka buzakomeza guhehera birushijeho bitewe n'imvura iteganyijwe mu minsi ikurikiye (**reba Ikarita 5&6**).

III. Iteganyagihe kuva ku itariki ya 1 kugera 30 Ugushyingo, 2019



Ikarita 7 :ingano yimvura iteganyijwe mu kwezi k'Ugushyingo 2019

Muri uku kwezi k'Ugushyingo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na milimetero 200 ikazagwa mu buryo bukurikira:

- Mu Mujyi wa Kigali, Amajyaruguru y'Uburasirazuba n'igice gito cy'Amajyepfo : Imvura iteganyijwe iri hagati ya milimetero 80 na 100.
- Mu Intara y'Amajyaruguru nigice cy'Uberengerazuba: hazagwa mvura iri gatati ya milimetero 100 na 150
- Mu Intara y'Uburengerazuba no mu Majyepfo : Hazagwa Imvura iri hagati ya milimetero 150 na 200.
- Igice cy'intara y'Iburasirazuba : Hategamyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 80.

VI. INGARUKA

- Imvura yaguye mu muri uku kwezi k'Ukwakira yatumye ikibazo cy'ibura ry'amazi kigabanuka.
- Iyi mvura yaguye mu kwezi kose byatumye mu bishanga haboneka amazi menshi bizafasha abahinzi bahinga mu bishanga kuyakoresha neza.

- Kubera ko imvura ikomeje kwiyongera bizatuma n'ubuhehere bw'ubutaka bwiyongera, bizafasha igihingwa kumera neza ndetse bizorohereza aborozi mu kubona ubwatsi bw'amatungo kuko buzashisha n'amazi yo kuhira akaba aziyongera.
- Kubera imvura iteganyijwe mu kwezi k'Ugushyingo 2019, hazaba imvura iringaniye ndetse irimo n'inkuba n'imirabyo henshi mu Gihugu. Kubera iyo mpamvu turasaba abantu kwitwararika bakirirnda gukoresha ibyuma by'ikoranabuhanga ndetse n'ibikoresho bikoresha amashyanyarazi.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)